UMUTI WAWE: Furosemide miligarama ____

Kuki nahawe uyu muti? Ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso. Umuvuduko mwinshi w'amaraso watera akaga utavuwe. Watera guturika kw'imitsi yo mu bwonko no guhagarara k'umutima. Ushobora gupfa uzize umuvuduko mwinshi w'amaraso utavuwe.

Fata ikinini 1 cyangwa 2 buri munsi.
Niba ufata ikinini 1, **gifate buri gitondo ukibyuka.** Si ngombwa kurya mbere y'uko unywa iki kinini.

Niba ufata ibinini 2, **Fata ikinini 1 buri gitondo ukibyuka. Fata ikinini cya kabiri nyuma y'amasaha 6.** Si ngombwa kurya mbere y'uko unywa iki kinini.

Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti?

Rimwe na rimwe haba ingaruka zitewe no gufata uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata Furosemide ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zishobora kuba kuzengera, isereri, kuribwa umutwe, ibinya, n'iseseme.

Zimwe mu ngaruka ntiziba kenshi ariko zishobora kugira ubukana buhanitse. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba cyita ku ndembe nugira: gufurutwa, kubyimba isura, iminwa, ururimi cyangwa inkanka; ugorwa no guhumeka; kutumva neza; guhinduka kw'ingano y'inkari; kuribwa ibiganza n'ibirenge; gutukura no/cyangwa kubyimba kw'amaboko cyangwa amaguru.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso kandi ko ufata Furosemide.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.